CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKOPI YATERANIYE I KIGALI KUVA TARIKI YA 4 KUGEZA KU YA 7 NZERI 2018**

Inama isanzwe y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali kuva tariki ya 4 kugeza ku ya 7 Nzeri 2018, iyobowe na Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda (C.EP.R).

Ku murongo w'ibyigwa hari ugusuzuma raporo z'imikoreshereze y'umutungo muri serivisi z'inama y'Abepiskopi n'iza seminari nkuru zihuriweho na diyosezi zose mu mwaka ushize wa 2017-2018 ; kwemeza ingengo y'imari y'umwaka utaha wa 2018-2019; gutegura ubutumwa bugenewe abakristu bose mu isozwa ry'uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge n'ubujyanye na yubile y'imyaka 100 y'umuryango wa Benebikira n'iy'imyaka 150 y'ishingwa ry'umuryango w'abamisiyoneri ba Afurika (Abapadiri bera), kungurana ibitekerezo ku muryango mpuzamiryango ushingiye ku myemerere uherutse gushingwa (RIC), gusuzuma ikibazo cya RIM isaba abayigize kongera imigabane no kwigira hamwe ikibazo cy'imisoro y'ibikorwa bya Kiliziya.

Atangiza iyi nama, Musenyeri Filipo RUKAMBA yahaye ikaze kandi ashimira umunyamabanga w'Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda padiri In Je HWANG, wari witabiriye iyi nama ku nshuro ya mbere. Yakomeje ageza ku bitabiriye inama gahunda y'ibiteganywa kwigwa nk'uko byavuzwe haruguru, hanyuma aha umwanya Umunyamabanga w'Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda wagejeje ku Bepiskopi ubutumwa yari yahawe n'Uhagarariye Papa mu Rwanda.

Mu ijambo rye, padiri In Je HWANG, umunyamabanga w'ibiro bya Papa mu Rwanda yishimiye uburyo yakiriwe neza asoza ijambo rye ashimira abepiskopi bo mu Rwanda ku butumwa Kiliziya gatolika irimo gusohoza kandi abifuriza kugira inama nziza.

Nyuma yo guhana amakuru kuri za diyosezi zose, Abepiskopi bakomeje batega amatwi raporo za serivisi na komisiyo zinyuranye z'Inama y'Abepiskopi arizo ubunyamabanga bukuru, urwego rushinzwe uburezi gatolika, urushinzwe imyigishirize y'iyobokamana, urushinzwe ibikorwa bya Papa; Kinyamateka; komisiyo y'ubutabera n'amahoro, iy'urubyiruko, iy'umuryango n'iy'abalayiki. Icyagaragaye ni uko umwaka ushize wagenze neza kandi hakaba hari na gahunda ihamye irebana n'umwaka utaha. Komisiyo kandi zashishikarijwe gushaka uburyo bwo kwihaza, kubera ko inkunga zishobora kutaboneka cyangwa zikaza zitinze, ibi bikadindiza imikorere yazo. Abepisikopi bagaragaje impungenge z'uko Noveni ya Noheli n'iy'umunsi mukuru w'Umuryango mutagatifu zigongana ndetse bigatubya n'inkunga ituruka mu bakristu igenewe uwo munsi. Usibye uwo munsi kandi, abepisikopi basanze inkunga zisabwa abakristu zigenda ziba nyinshi cyane bifuza ko mu nama itaha icyo kibazo cyashyirwa ku murogo w'ibyigwa kigasuzumwa neza. Basabye ko amafaranga ya OPM aturuka muri paruwasi yajya atangwa bitarenze ukwezi nyuma y'uko akusanywa. Bifuje kandi ko ikipe ya CEPR ishinzwe kongerera ubushobozi abakozi yajya yakirwa neza muri serivisi isura igamije kureba ibyo zikora.

Nyuma yaho, Abepiskopi bateze amatwi raporo za seminari nkuru zihuriweho na diyosezi ndetse bemeza ingengo z'imari z'umwaka utaha. Bishimiye ko ibikorwa byose byagenze neza kandi ko n'ingengo y'imari

yateguwe neza. Bamaze kubona ko amazi n'umuriro birushaho kuzamura ibiciro, Abepisikopi bifuje ko hajyaho ingamba zifatika zo kugabanya kwangirika kwabyo.

Abepisikopi baganiriye kandi ku muryango mpuzamiryango ushingiye ku myemerere uherutse gushingwa RIC (Rwanda inter-faith council); basanze ari ngombwa kugira inama yihariye yo kunguranaho ibitekerezo ku buryo burambuye.

Ikibazo cy'amashuri no kwigisha iyobokamana na cyo cyaganiriweho. Abepisikopi bifuje ko hakorwa itsinda ry'inzobere rizakigaho ku buryo bwimbitse rikazatanga inyigo Abepisikopi baheraho bafata ibyemezo.

Ikibazo kijyanye n'ishyirwamubikorwa ry'itegeko rishya ry'imisoro y'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA) na cyo cyaganiriweho. Icyo kibazo kirareba imisoro inzego zitandukanye za Kiliziya zigomba gutanga bitewe n'inyungu zakuye mu bikorwa byazo. Bamaze kubiganiraho bemeje ko habaho itsinda ry'impuguke ryabanza kubisesengura. Kubera iyo mpamvu, bifuje ko abacungamutungo ba za diyosezi babyigaho mbere y'itariki ya 29 ugushyingo 2018.

Abepisikopi bibukiranyije kandi amategeko agenga umukateshisite mu Rwanda yemejwe mu mwaka wa 2017 bemeza ko hakorwa agatabo kayo kakagezwa mu maparuwasi yose.

Muri iyi nama, abepiskopi banogeje gahunda y'umunsi wo gusoza umwaka w'ubwiyunge. Bashyizeho itsinda rigizwe n'abapadiri bazafatanya Musenyeri Selestini HAKIZIMANA mu gutegura ubutumwa buzahabwa abakristu kuri uwo munsi. Ku bijyanye n'ubutumwa busoza yubile y'abenebikira, bumvikanye ko bizatekerezwaho mu nama zitaha kuko yubile iri ku wa 8 Nzeri 2019. Naho ubutumwa bujyanye na Yubile y'abamisiyoneri b'Afurika, bifuje ko Umwepisikopi ushinzwe abiyeguriyimana yazageza ku bepisikopi icyakorwa amaze kuvugana na bo.

Abepisikopi bagejejweho amakuru y'inama yabereye i Dublin mu gihugu cya Irlande ku nshingano z'umuryango mukristu. Iyo nama yitabiriwe na Musenyeri KAMBANDA Antoine ushinzwe Komisiyo y'umuryango, Padiri Casimir UWUMUKIZA n'urugo rw'abashakanye. Icyagaragaye mu nama ni uko Kiliziya ishishikajwe n'ireme ry'urugo rwz gikristu binagaragazwa n'uko harimo kuvuka imiryango myinshi ifite intego zo gusigasira ubusugire bw'umuryango. Mu muhango wo gusoza, Papa yamenyesheje abitabiriye inama ko ihuriro ry'ubutaha rizabera i Roma mu mwaka wa 2021.

Abepiskopi bongeye gusuzuma ibijyanye no gushyira abasaseridoti mu mirimo ihuriweho na za diyosezi zose; barebeye hamwe ahaburaga abantu babashyiraho.

Abepiskopi basuzumye kandi ikibazo cy'ubwishingizi bw'indwara ku bapadiri bagifatira umwanzuro.

Inama yarangiye ku wa 7 Nzeri 2018 i saa saba n'igice (13h30')

Padiri Martin NIZIGIYIMANA,
Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Abepiskopi
Gatolika mu Rwanda.

+ Rukamba

+ Filipo RUKAMBA
Umwepiskopi wa Butare,
akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *